Ubugari buto bushoboka bw'igisate kimwe cy'inzira y'umuhanda hatabariwemo ibyobo bitwara amazi n'imikingo ni metero eshatu n'igice (3.5 m).

**Ingingo ya 16: Ubugari bw'imihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi -urwego rwa 2**

Ubugari buto bushoboka bw'inzira y'umuhanda mu Karere cyangwa Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi yo mu cyiciro cya 2 hatabariwemo ibyobo bitwara amazi n'imikingo ni metero esheshatu (6).

Mu nkengero z'Umujyi n'aho umuhanda winjirira mu Mujyi, mu mudugudu, mu nsisiro, ubugari bw'umuhanda bushobora kongerwa aho bibaye ngombwa.

Kuri ubwo bugari bwa buri muhanda hagomba kwiyongeraho ikibanza cyagutse cyo gucukuramo ibyobo bifata amazi, imikingo, aho gushyira imyanda n'utuyira tw'abanyamaguru ku bice byose bigize umuhanda.

**CHAPTER III: WIDTH OF ROADS**

**Article 15: Width of national roads, Districts, and City of Kigali roads and those of other urban areas - Class One**

The minimum viable widths of the lane of a roadway shall be three metres and a half (3.5 m) not including the drainage ditches and embankments.

**Article 16: Width of national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas - Class 2**

The minimum width of the roadway in Districts and City of Kigali roads and other urban areas - Class 2, not including drainage ditches and embankments shall be six (6) metres.

In suburbs and at the entrances of towns, grouped settlements and agglomeration, the width of a road may be increased when it is deemed necessary.

In addition to such width, each road must have a large piece of land for drainage ditches, embankments, dumps and sidewalks on all integral parts of the road.

**CHAPITRE III: LARGEUR DE LA ROUTE**

**Article 15 : Largeur des routes nationales, des Districts et de la Ville de Kigali et autres zones urbaines - première catégorie**

Le minimum de la largeur viable d'une chaussée est de trois mètres et demi (3.5 m) non compris les fossés de drainage et les talus.

**Article 16 : Largeur des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et de celles d'autres zones urbaines –Catégorie 2**

La largeur minimale d'une chaussée dans les Districts ou la Ville de Kigali ainsi que dans d'autres zones urbaines - catégorie 2 non compris les fossés de drainage et les talus est de six (6) mètres.

Dans les périphéries et à l'entrée des villes, de l'habitat regroupé et des agglomérations, la largeur d'une route peut être augmentée en cas de besoin.

Outre cette largeur, chaque route doit avoir une étendue de terrain vaste pour les fossés de drainage, les talus, les dépotoirs et les trottoirs sur toutes les parties intégrantes de la route.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Iyagurwa ry'imihanda**

Imihanda ya Leta idafite ubugari bwavuzwe haruguru nk'uko bigaragara mu byiciro byayo mu gihe iri tegeko rizatangira gukurikizwa, izagenda yongerwa hakurikijwe ubushobozi bw'Igihugu.

Iyagurwa rikorwa hamaze kwimurwa mu buryo bukurikije amategeko abatuye mu nkengero z'umuhanda kugira ngo haboneke ubutaka bukenewe.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: AHANTU HA LETA HEGURIWE IMIHANDA**

**<u>Ingingo ya 18</u>: Ibice bigize umuhanda**

Hafatwa nk'igice cy'umuhanda ahari udutebe tw'abagenzi, inkengero z'umuhanda, ahari ibimenyetso bigaragaza umuhanda, ahashyizwe ibyuma bimurika, ahashyizwe imiyoboro y'amazi, ubutaka buteyeho ubusitani, ubutaka bwo hagati mu muhanda, impande z'umuhanda zitunganyije n'izidatunganyije, ubutaka bwegutse bw'umuhanda, inkuta, ingazi, amateme, inzira yo mu butaka, ibihangano byo mu ikoranabuhanga, byo mu bukorikori, ibyapa by'umuhanda n'ibindi bijyanye n'umuhanda.

**<u>Article 17</u>: Widening of roads**

National roads which do not conform to the above-mentioned width requirements for their respective class at the entry into force of this Law shall be gradually widened within the existing resources of the country.

The widening of a road shall be done after expropriation of the people near the road in accordance with the law to secure the land needed.

**<u>CHAPTER IV</u>: PUBLIC DOMAIN EARMARKED FOR ROADS**

**<u>Article 18</u>: Integral parts of the road**

Embankments, edge areas, bollards, road lighting facilities, water drainage facilities, grassy strips, central median strips, hard and soft shoulders, fills, walls, stairs, bridges, tunnels, technological and artistic works, road signs and other elements related to road are considered as integral parts of the road.

**<u>Article 17</u> : Elargissement des routes**

Les routes nationales qui ne sont pas conformes aux exigences relatives à la largeur susmentionnée déterminée suivant leurs catégories à l'entrée en vigueur de la présente loi, seront progressivement élargies dans la limite des moyens dont dispose le pays.

L'élargissement d'une route se fait après expropriation de la population riveraine conformément à la loi en vue d'obtenir le terrain dont on a besoin.

**<u>CHAPITRE IV</u> : DOMAINE PUBLIC AFFECTE AUX ROUTES**

**<u>Article 18</u> : Parties intégrantes de la route**

Sont considérés comme parties intégrantes de la route, les banquettes, les bordures, les balises, les installations d'éclairage, les installations d'évacuation des eaux, les bandes gazonnées, les terre-pleins centraux, les accotements stabilisés et non stabilisés, les remblais, les murs, les escaliers, les ponts, les tunnels, les ouvrages technologiques et d'art, les panneaux de signalisation et autres éléments relatifs à la route.

**Ingingo ya 19: Inyubako zishyirwa aheguriwe umuhanda**

Inyubako zifasha mu itangwa ry'amavuta y'imodoka n'ibindi byose bijyanye na yo, n'utuzu duto tw'ubucuruzi turi kumwe n'inyubako zo gutanga amavuta zishobora gushyirwa ahantu zitari hanyurwa n'umuhanda kandi hategeranye n'aho bisanzwe bifatirwa mu rwego rwo koroshya ingendo.

Nyamara iyubakwa n'ihindurwa ry'izo nyubako bikorwa hatanzwe uruhushya rwa Minisitiri ufite imihanda mu nshingano ze, iyo ari umuhanda wa Leta cyangwa urw'Umuyobozi w'Akarere cyangwa w'Umujyi wa Kigali, iyo ari umuhanda w'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi urwego rwa mbere.

**Ingingo ya 20 : Ishyirwaho ry'imbago z'imihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi**

Ishyirwaho ry'imbago z'imihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi bikorwa ku buryo bukurikira:

1° imihanda ya Leta yose, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali urwego rwa mbere igomba gushyirwaho imbago ku mpande zombi z'umuhanda nyuma y'amezi (6) atandatu iri tegeko ritangiye gukurikizwa kandi imbibi zikaba zikubiye hamwe ibice byose bigize umuhanda;

**Article 19: Facilities developed within the road reserve**

Facilities designed for the distribution of fuel and related products as well as kiosks attached to such facilities may be erected near road passage where they do not exist but not near other distribution facilities in order to ease traffic.

However, the construction and transformation of such facilities shall be subject to an authorization of the Minister in charge of roads in the case of a national road or authorization of the Mayor of the District or City of Kigali in the case of a District or City of Kigali road and that of other urban areas of class one.

**Article 20: Demarcation of national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas**

The demarcation of national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas shall be done as follows:

1° all the national roads, Districts and City of Kigali roads of class one must be fitted with bollards on both sides after six (6) months following the entry into force of this Law , and such bollards must contain all integral parts of the road;

**Article 19 : Installations aménagées dans l'emprise des routes**

Les installations destinées à la distribution de carburants et de tout autre produit connexe ainsi que les kiosques rattachés à ces installations peuvent être aménagées dans les zones de passage de la route où elles n'existent pas mais qui ne sont pas proches d'autres installations de leur distribution en vue de faciliter le trafic.

Toutefois, la construction et la transformation de ces installations sont subordonnées à une autorisation du Ministre ayant les routes dans ses attributions s'il s'agit d'une route nationale ou celle du Maire du District ou de la Ville de Kigali s'il s'agit d'une route de District ou de la Ville de Kigali et d'autres zones urbaines de la première catégorie.

**Article 20 : Bornage des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines**

Le bornage des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines se fait comme suit **:**

1° toutes les routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali de la première catégorie doivent être munies de bornes sur les deux côtés après les six (6) mois suivant l'entrée en vigueur de la présente loi et ces bornes doivent renfermer toutes les parties intégrantes de la route ;

2° imbago zizashyirwaho ku mpande zombi z'umuhanda;

Niba umuhanda unyura iruhande rw'inzu udafite imbago zigaragara, nyir'inzu ntashobora kwiyitirira ubutaka bw'igice cyo hanze cy'igisenge cy'inzu;

Gushinga imbago z'umuhanda bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere rya transiporo.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Umuhanda unyura mu rusisiro**

Igice cy'umuhanda uri mu cyiciro icyo ari cyo cyose wambukiranya urusisiro, icyo cyiciro gikomeza kubarirwa muri uwo muhanda kandi kigacungwa nk'umuhanda wo muri icyo cyiciro.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Ubutaka bweguriwe imihanda ya Leta, iy'Uturere, iy'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi**

Ubutaka bweguriwe imihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi–urwego rwa mbere, bugaragazwa n'imirongo ibiri iteganye kuri metero makumyabiri n'ebyiri (22m) ku mpande zombi z'umuhanda uhereye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.

Ubutaka bweguriwe imihanda y'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi –urwego rwa 2 bugaragazwa

2° bollards must be placed on both sides of the road;

If a road running along a building is not clearly demarcated, the owner of such building shall not claim ownership of the part of the land covered by the suspended ceiling;

The placing of beacons of a road shall be carried out by Rwanda Transport Development Agency.

**<u>Article 21</u>: Road crossing an agglomeration**

The part of the road in any class crossing an agglomeration shall remain in the same class as the road and shall be managed as the road in that class.

**<u>Article 22</u>: Road reserve for national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas**

The road reserve for national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas -Class One shall be demarcated by two parallel lines at twenty two (22m) meters on both sides of the road from the median line.

The road reserve for Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas -Class 2, shall be delimited by two parallel lines at twelve

2° les bornes doivent être placées sur les deux cotés de la route ;

Si une route longeant un bâtiment n'est pas clairement bornée, le propriétaire de ce bâtiment ne peut pas revendiquer la propriété de la partie du terrain couverte par le faux-plafond ;

Le bornage d'une route est réalisé par l'Office Rwandais pour la Promotion du Développement du Transport.

**<u>Article 21</u>: Route traversant une agglomération**

La partie de la route dans n'importe quelle catégorie qui traverse une agglomération reste dans la même catégorie de la route et est gérée comme la route de cette catégorie.

**<u>Article 22</u>: Emprise des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines**

L'emprise des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines– première catégorie, est délimitée par deux lignes parallèles à vingt deux (22) mètres sur les deux côtés de la route à partir de la ligne médiane.

L'emprise des routes de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines –catégorie 2, est délimitée par deux lignes

n'imirongo ibiri iteganye kuri metero cumi n'ebyiri (12m) ku mpande zombi z'umuhanda uhereye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.

**Ingingo ya 23 : Ingaruka z'icyemezo gishyira umuhanda mu cyiciro runaka**

Icyemezo cyo gushyira umuhanda mu cyiciro runaka gihita gishyira ubutaka bwubatseho mu butaka bwa Leta kandi kigatanga uburenganzira bwo kunyura ku butaka buri mu nkengero z'umuhanda.

**UMUTWE WA V: UBURYO BWO KUBUNGABUNGA UMUHANDA**

**Ingingo ya 24: Ihindurwa ry'ikoreshwa ry'umuhanda**

Birabujijwe guhindura uko umuhanda ukoreshwa, uretse iyo byatangiwe uruhushya na Minisitiri ufite imihanda mu nshingano ze.

Uwo ari we wese uzahindura ikoreshwa ry'umuhanda cyangwa icyo wagenewe atabiherewe uruhushya agomba mu gihe abisabiwe, guhita asubiza ibyo yangije uko byari bimeze mu buryo bugenwa n'amategeko, mu gihe atabikoze bigakurwaho na Leta ku mafaranga ye.

(12) meters on both sides of the road from the median line.

**Article 23: Effect of road classification**

Road classification automatically entails the incorporation of the right of way into public domain and creates the road easement over the land bordering the road.

**CHAPTER V: ROAD PRESERVATION**

**Article 24: Change of the usage of a road**

It is prohibited to change the usage of a road unless authorized by the Minister in charge of roads.

Whoever changes the usage or destination of a road without prior authorization must, within the prescribed time limit, restore the damaged property to its initial state as provided by the law, failing which the restoration of such property to its initial state shall be carried out by the Government at the expense of the concerned person.

parallèles à douze (12) mètres sur les deux côtés de la route à partir de la ligne médiane.

**Article 23 : Effet de classification des routes**

La classification des routes emporte d'office l'incorporation de l'emprise de la route au domaine public et crée une servitude de voirie sur les terrains situés en bordure de la route.

**CHAPITRE V : CONSERVATION DES ROUTES**

**Article 24 : Changement d'usage d'une route**

Il est interdit de changer l'usage d'une route à moins d'en être autorisé par le Ministre ayant les routes dans ses attributions.

Quiconque change l'usage ou la destination d'une route sans autorisation préalable doit, dans les délais impartis, remettre immédiatement dans leur état initial les biens endommagés, faute de quoi la remise à l'état initial est effectuée par l'Etat aux frais de la personne concernée.

**Ingingo ya 25: Iyubakwa mu butaka bwagenewe umuhanda**

Nta muntu ushobora kubaka akayira k'abanyamaguru, umuyoboro w'amazi meza, uw'amazi mabi cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose ahantu hagenewe umuhanda atabiherewe uruhushya n'ubuyobozi bushinzwe imihanda hakurikijwe ibyiciro urimo.

**Ingingo ya 26: Kwigabiza ahagenewe umuhanda**

Nta wemerewe kwigabiza ahantu hagenewe umuhanda ngo ahashyire ibikoresho by'itumanaho, ibyo gutwara abantu n'ibintu cyangwa iby'ikwirakwiza ry'ingufu atabiherewe uruhushya n'ubuyobozi bushinzwe imihanda hakurikijwe ibyiciro urimo.

**Ingingo ya 27: Ibibujijwe ku butaka bwa Leta bwagenewe umuhanda**

Ku butaka bwahariwe umuhanda wa Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi, birabujijwe kuhakorera ibi bikurikira:

1° kuhubaka inyubako nshya, guhindura cyangwa gusana izihasanzwe;

2° gutuma habaho iyangirika ry'ubutaka bitewe no gukoresha ibyangombwa bibugize;

**Article 25: Construction within the road reserve**

No person shall construct within the road reserve, a sidewalk, a drinking water supply system, a wastewater collection system or any other element without authorization of the authority responsible for roads depending on the class of the concerned road.

**Article 26: Encroachment on road reserve**

No person shall encroach on road reserve to install therein equipment designed for telecommunication, transportation of persons and goods or power distribution without authorization of the authority responsible for roads depending on the class of the concerned road.

**Article 27: Restrictions within public road reserve**

The following activities are prohibited on the road reserve for national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas roads:

1° to erect new buildings, modify or rehabilitate existing ones ;

2° to induce land degradation by using materials that constitute such land;

**Article 25 : Construction dans l'emprise d'une route**

Nul ne peut construire dans l'emprise d'une route, un trottoir, un réseau d'adduction d'eau potable, un réseau de collecte des eaux usées ou tout autre ouvrage sans autorisation de l'autorité chargée des routes suivant la catégorie de la route concernée.

**Article 26 : Empiétement sur l'emprise d'une route**

Nul ne peut empiéter sur l'emprise d'une route pour y installer l'équipement de télécommunication, de transport des biens et des personnes ou de distribution d'énergie sans autorisation de l'autorité chargée des routes suivant la catégorie de la route concernée.

**Article 27 : Restrictions sur le domaine public routier**

Les activités suivantes sont interdites sur l'emprise des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines :

1° ériger des constructions nouvelles, modifier ou réhabiliter celles existantes;

2° provoquer la dégradation des sols par l'usage de leurs matériaux constitutifs ;

3° gutera ibiti ibyo ari byo byose nta ruhushya rutanzwe n'ubuyobozi bushinzwe umuhanda;

4° gushinga ibyapa ibyo ari byo byose byamamaza nta ruhushya rutanzwe n'ubuyobozi bushinzwe umuhanda hakurikijwe ibyiciro urimo.

**Ingingo ya 28: Imiyoboro y'amazi**

Ibikorwa bijyanye n'imiyoboro y'amazi bikorwa ku buryo bukurikira:

1° ibikorwa ibyo ari byo byose bibangamira itemba ry'amazi bikurikiranwa hakurikijwe amategeko yo kurengera ibidukikije;

2° imigende ifata amazi yo ku butaka buri aho umuhanda uturuka cyangwa ku rwego rumwe nawo ntigomba kuzibwa cyangwa kwangizwa na ba nyir'ubutaka;

3° amazi yose atemba anyura mu muhanda agomba kuyoborwa mu miyoboro yubatswe neza. Iyubakwa n'itunganywa ryayo biri mu nshingano z'uwubaka umuhanda uretse mu bihe bikurikira:

a) imiyoboro y'amazi yo mu nganda cyangwa ibigo byihariye ishinzwe ba

3° to plant any type of trees without authorization of the authority responsible for the concerned road;

4° to mount any advertising billboard without authorization of the authority responsible for the road depending on its class.

**Article 28: Water drainage system**

Activities related to water drainage system shall be performed as follows:

1° any activity that may adversely impact on the flowing of water shall be punishable in accordance with the law on the protection of environment;

2° ditches designed to catch surface water on the land situated upstream of or at the same level as the road must not be obstructed nor degraded by owners of such land;

3° any water that flows on the road must be routed through well-built water conduits. The construction and maintenance of such conduits shall be borne by the road builder , except in the following cases:

a) ditches designed for the drainage of water from factories or particular establishments

3° planter toute sorte d'arbres sans autorisation de l'autorité chargée de la route concernée;

4° implanter toute sorte de panneau publicitaire sans autorisation de l'autorité chargée de la route concernée suivant sa catégorie.

**Article 28 : Systèmes d'écoulement des eaux**

Les activités relatives aux systèmes d'écoulement des eaux sont réalisées comme suit :

1° toute activité susceptible de produire un impact négatif sur l'écoulement des eaux est punie conformément à la loi sur la protection de l'environnement ;

2° les rigoles destinées à recevoir les eaux de surface sur le terrain se trouvant en amont de la route ou au même niveau que la route ne doivent être ni obstruées, ni dégradées par les propriétaires de ces terrains ;

3° toutes les eaux coulant sur la route doivent être canalisées à travers les canalisations bien construites. La construction et l'entretien de ces canalisations sont à la charge du constructeur de la route, sauf dans les cas suivants :

a) les rigoles d'évacuation des eaux provenant des usines ou des

nyir'inganda cyangwa ibigo;

b) imiyoboro y'amavomo n'itunganywa ryayo mu duhanda duto n'imihanda minini biri mu nshingano za ba nyir'ayo mavomo, banagomba kuyitunganya hakoreshejwe ibitembo bigenwa n'urwego rubishinzwe;

4° nta muyoboro mushya, icyubatswe munsi y'ubutaka cyangwa hejuru yabwo yambukiranya umuhanda nta ruhushya rutanzwe n'urwego rushinzwe imihanda hakurikijwe urwego umuhanda urimo.

5° amazi y'imvura atemba aza ku mihanda, ibyobo bifata amazi, imiferege, akusanyirizwa mu migende n'impombo zigomba kuyamanura;

6° uretse mu mijyi cyangwa mu midugudu, amavomo rusange cyangwa ayihariye ashyirwa muri metero imwe na santimetero mirongo inani (1, 80 m) by'inkengero z'umuhanda. Ayegereye umuhanda cyane agomba kwimurwa ashyirwa mu ntera isabwa igihe habayeho isana rinini, uretse igihe bidashoboka na busa ariko bikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha;

shall be the **responsibility** of the owners of such factories or establishments;

b) fountain pipes and maintenance thereof within streets and roads shall be the responsibility of the owners of such fountains who must also ensure maintenance thereof using pipes determined by the relevant authority;

4° no new pipe, underground or suspended works shall cross the road without authorization of the authority responsible for roads depending on the class of the concerned road;

5° the rainwater that flows into the road ditches or channels shall be collected using drainage channels and pipes;

6° with the exception of towns or grouped settlements , public or private fountains shall be installed at least 1.80 metres from the edge of the road. Fountains which are in close proximity to the road must, in case of considerable rehabilitation, be displaced and installed at a required distance, except in case of absolute impossibility and approval by the relevant authority;

établissements particuliers sont à la charge des propriétaires de ces usines ou établissements;

b) les canalisations des bornes fontaines et leur entretien dans les rues et routes sont à la charge des propriétaires de ces bornes fontaines qui doivent en outre en assurer l'entretien à l'aide des tuyaux déterminés par l'autorité compétente ;

4° aucune nouvelle canalisation ni ouvrage souterrain ou suspendu ne peut traverser la route sans l'autorisation de l'autorité chargée des routes selon la catégorie de la route concernée ;

5° les eaux pluviales coulant vers les routes, les fossés ou rigoles sont collectées dans les canalisations et tuyaux d'écoulement ;

6° excepté dans les villes ou habitats regroupés, les fontaines publiques ou privées doivent être installées à au moins un mètre quatre-vingt (1 m 80) du bord de la route. Les fontaines qui sont très proches de la route doivent, en cas de réhabilitation d'envergure, être déplacées et installées à une distance requise sauf en cas d'impossibilité absolue et d'approbation par l'autorité compétente;

7° amazi ava mu ngo n'andi mazi mabi yose ntagomba kuyoborwa mu nzira nyabagendwa;

8° umuntu wese ufite aho yogereza imodoka n'izindi serivisi zishobora gutosa ubutaka agomba kuyobora amazi no kuyafata ngo atangiza umuhanda;

9° inzira zose zigera ku mihanda zigomba gukusanyiriza amazi yazo mu isangano n'umuhanda hifashishijwe igitembo gishyizweho na ba nyiri ayo mayira.

**Ingingo ya 29: Umudendezo wo gukoresha umuhanda**

Nta muntu ugomba gukurura cyangwa guta ibintu mu mihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi ibintu bifite iminyururu, ingorofani, ingiga z'ibiti, ibiti ubwabyo, amashami y'ibiti cyangwa ibindi bintu ibyo ari byo byose byakwangiza umuhanda**.**

**Ingingo ya 30: Ubuhaname bw'imikingo y'umuhanda**

Imikingo yo haruguru n'iyo hepfo y'imihanda, uretse igihe yaba igizwe n'urutare cyangwa bidashoboka igomba kuba ifite ubuhaname butarengeje dogere mirongo ine n'eshanu ($45^o$) kugira ngo birinde ubutaka kuriduka cyangwa itwarwa ry'ibiwugize.

7° water from households and any other wastewater must not be directed to public road;

8° any person owning vehicle washing premises and providing other services resulting in soil wetting must channel and contain water in order not to cause damage to the road;

9° all pathways that come to an end at a road must, at their intersection, collect their water by use of an aqueduct which is under the responsibility of the owners of such pathways.

**Article 29: Free passage of the road**

No person shall pull or leave on national roads, Districts and City of Kigali roads or those of other urban areas chains, wheelbarrows, tree trunks, trees, tree branches or any other objects that may damage the road.

**Article. 30: Embankment slope**

Upper and lower slopes of road embankments must have a slope of at least forty five ($45^o$) degrees to prevent landslides and the fall of materials unless they are constituted of a rock or in case of impossibility.

7° les eaux provenant des ménages et d'autres eaux usées ne doivent pas être acheminées vers la voie publique ;

8° toute personne propriétaire des lieux de lavage automobile et prestataire d'autres services entrainant le mouillage du sol est tenue d'en diriger les eaux et de les contenir afin de ne pas endommager la route;

9° tous les chemins aboutissant à une route doivent, à leur intersection, recueillir leurs eaux au moyen d'un aqueduc qui est à la charge des propriétaires de ces chemins.

**Article 29 : Passage libre des routes**

Nul ne peut traîner ou laisser sur les routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines des chaînes, des brouettes, des troncs d'arbres, des arbres, des branches d'arbres ou tous autres objets susceptibles d'endommager la route.

**Article 30 : Pente des talus**

Les talus supérieurs et inférieurs des routes doivent avoir une pente d'au moins quarante cinq ($45^o$) degrés pour empêcher l'éboulement des terres et matériaux à moins qu'ils ne soient formés de roche ou en cas d'impossibilité.

**<u>Ingingo ya 31</u>: Ikurwaho ry'ibyashyizwe mu mwanya wahariwe umuhanda**

Ubuyobozi bushinzwe imihanda hakurikijwe urwego irimo bushobora kwandikira umuntu utarubahirije ibivugwa mu ngingo za 29 na 30 z'iri tegeko, bumutegeka gukuraho icyubatswe nta ruhushya, akabikora mu gihe yahawe.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ahakusanyirizwa imyanda**

Ahantu ho gushyira imyanda harimo ibisigazwa by'imodoka n'ibindi byuma ntihashobora kujya munsi ya metero ijana na makumyabiri (120 m) uvuye ku muhanda.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Uburyo bwo kwimura abantu kubera ibikorwa by'umuhanda**

Iyo mu gihe cy'ihangwa, icy'itunganywa cyangwa iyagurwa ry'umuhanda wa Leta, uw'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi, bibaye ngombwa kwimura abantu mu bibanza byubatse cyangwa bitubatse, bikorwa hakurikijwe itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Ikurwaho ry'umuhanda**

Iteka rya Minisitiri rigena ikurwaho ry'umuhanda wo mu cyiciro icyo ari cyo cyose.

Ibice by'umuhanda bikuwe mu mutungo

**<u>Article 31</u>: Removal of facilities installed within a road reserve**

The authority responsible for roads depending on the class of the concerned road may give a written notice to whoever violates the provisions of Articles 29 and 30 of this Law ordering him/her to remove within a prescribed time limit, a structure that has been erected without authorization.

**<u>Article 32</u>: Dumping site**

No dumping site including wrecked motor vehicles and other metal pieces shall be situated within less than one hundred and twenty (120) metres from the road.

**<u>Article 33:</u> Procedure of expropriation for road purposes**

If the construction, modification, or widening of a national, District or City of Kigali road and that of other urban areas, require the expropriation of a built-up or bare land, it shall be carried out in accordance with the Law relating to the expropriation in the public interest.

**<u>Article 34:</u> Declassification of a road**

A Ministerial Order shall determine the declassification of a road of any class.

The sections of a public property road which

**<u>Article 31</u>: Enlèvement des installations aménagées dans l'emprise d'une route**

L'autorité chargée des routes suivant la catégorie de la route concernée peut transmettre un avis écrit à celui qui enfreint aux dispositions des articles 29 et 30 de la présente loi, l'ordonnant d'enlever dans un délai prescrit, l'ouvrage construit sans autorisation.

**<u>Article 32</u>: Dépotoir**

Aucun dépotoir y compris les carcasses des véhicules automobiles et autres pièces métalliques ne peut être situé à moins de cent vingt mètres (120 m) de la route.

**<u>Article 33</u>: Procédures d'expropriation pour cause de construction d'une route**

Lorsque pour la construction, la modification ou l'élargissement d'une route nationale, de District ou de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines, il est nécessaire de recourir à l'expropriation de terrains bâtis ou non bâtis, elle se fait conformément à la loi relative à l'expropriation pour cause d'utilité publique.

**<u>Article 34</u>: Déclassement d'une route**

Un arreté Ministériel détermine le déclassement d'une route d'une quelconque catégorie.

Les portions d'une route déclassées du domaine

rusange wa Leta bihita byinjizwa mu mutungo bwite wayo cyangwa uw'urwego rw'ibanze rurebwa na byo kandi itangwa n'igurishwa ryabyo rigakorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

become unclassified shall pass into private property of the central Government or into the property of the concerned decentralized entity and the disposal thereof shall be governed by relevant laws.

public sont incorporées au domaine privé de l'Etat ou de l'entité décentralisée concernée et leur aliénation est soumise aux lois en la matière.

**UMUTWE WA VI: IBYAHA N'IBIHANO**

**CHAPTER VI: OFFENCES AND PENALTIES**

**CHAPITRE VI: INFRACTIONS ET PEINES**

**Ingingo ya 35: Ibyaha bifitanye isano n'ibungabungwa ry'ubutaka bwa Leta**

Ibyaha bifitanye isano n'ibungabungwa ry'ubutaka bwa Leta bweguriwe imihanda ya Leta, iy'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi, bihanwa hakurikijwe amategeko ahana ibyaha.

Ibyaha byakozwe ku birebana n'imihanda n'ibikorwa remezo byayo bihanwa mu buryo bwateganyijwe n'amategeko ahana ibyaha.

**Ingingo ya 36: Amategeko ateganya uburyo bwo kugenda mu muhanda**

Amategeko agenga uburyo bwo kugenda mu muhanda yubahirizwa ku mihanda yose yo mu Rwanda yashyizwe mu byiciro.

**Article 35: Offences related to the conservation of the public domain**

Offences related to the conservation of road reserve for national, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas shall be punishable in accordance with penal code.

Offences committed in connection with roads and its infrastructure shall be punishable in accordance with penal code.

**Article 36: Road traffic regulations**

Road traffic regulations shall be applicable to all classified roads.

**Article 35 : Infractions liées à la conservation du domaine public**

Les infractions liées à la conservation de l'emprise des routes nationales, de District et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines sont punissables conformément au code pénal.

Les infractions commises en rapport avec les routes et leurs infrastructures sont punissables conformément au code pénal.

**Article 36 : Règlement en matière de police de roulage**

Le règlement en matière de police de roulage est applicable à toutes les routes classées en catégories.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'itegeko-teka n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko-Teka ryo kuwa 17/12/1974 rishyiraho Umuyobozi wemerewe kugena amazina y'imihanda ya Leta, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **14/12/2011**

**CHAPITER VII: FINAL PROVISIONS**

**Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 38: Repealing provision**

Decree-Law of 17/12/1974 determining the authority entitled to establish the names of public roads and all prior legal provisions inconsistent with this Law, are hereby repealed.

**Article 39: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Kigali, on 14/12/2011**

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 37 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 38: Disposition abrogatoire**

Le Décret-Loi du 17/12/1974 déterminant l'Autorité habilitée à établir la dénomination des routes publiques ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi, sont abrogés.

**Article 39: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **14/12/2011**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**

**KAGAME Paul**
**President of the Republic**

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice /Attorney General

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux